KIBOGORA POLYTECHNIC

**ITANGAZO RYO GUKODESHA KANTINE / RESITORA YA KIBOGORA POLYTECHNIC RUSIZI CAMPUS**

Ubuyobozi bwa KIBOGORA POLYTECHNIC iherereye mu Karere ka NYAMASHEKE, Umurenge wa KANJONGO buramenyesha ababyifuza bose kandi babifitiye ubushobozi ko yifuza gukodesha inyubako yo gukoreramo ibikorwa bya KANTINE /RESITORA Iherereye mukarere ka Rusizi aho yaguruye ibikorwa byayo **(KP RUSIZI CAMPUS).**

Gusura ahazakorerwa Kantine/Resitora ni kuwa Gatanu Taliki **09/08/2024** guhera saa yine (10:00 am) kugeza saa sita zuzuye (12:00) ku bindi bisobanuro mwahamagara 0788853143.

Inyandiko isaba igomba kuba iherekejwe n'ibi bikurikira:

1. Ibaruwa isaba iriho umwirondoro urambuye wa Rwiyemezamirimo ku giti cye cyangwa company;
2. Igitabo cy'ubucuruzi (Registre de commerce);
3. Icyemezo cy'uko yishyura imisanzu y'ubwiteganyirize ya RSSB;
4. Icyemezo cy'uko akoresha inyemezabwishyu ya EBM version nshya;
5. Igiciro ntarengwa cy'ubukode bw'inyubako ku kwezi havuyemo umusoro wa Leta kuri Kantine/Resitora;
6. Icyemezo kigaragaza ko yasuye ahazakorera Kantine /Resitora gitangwa na KP kubuntu (Attestation de visite);
7. Kuba yiteguye guhita atangira igihe ahawe urupapuro rumubwira ko yatsinze;
8. Certificat 2 z'abakozi zerekana ko bize ibyo guteka kuri Kantine/ Resitora;
9. Aho yishyuriye amafaranga yo kugura igitabo adasubizwa ahwanye n'ibihumbi icumi y'u Rwanda (10,000frw) adasubizwa kuri Konti ya KP ibaruriye muri BK Nomero: 100005702369;
10. Icyangombwa kigaragaza ko yiyandikishije mu gutanga umusoro nyongeragaciro (VAT Certificate);
11. Kuba afite icyemezo cyerekana ko yigeze acunga resitora (bigaragazwa na kopi y'amasezerano);

**Amabaruwa afunze arimo ibyo byose bisabwa agomba kuba yagejejwe mubunyamabanga bwa Kibogora Polytechnic kukicaro cyayo giherereye I Nyamasheke bitarenze itariki ya 14/08/2024 saa cyenda z'amanywa cyangwa bakazohereza kuri imeli y'ikigo ariyo: info@kp.ac.rw bagatanga copy kuri procurement@kp.ac.rw. Uzatsindira gukodesha iyo Kantine/Resitora ni uzaba yatanze ibyangombwa byasabwe byuzuye, utanga igiciro kinini cy'ubukode ku kwezi kurusha abandi, ndetse n'ibiciro bito kuri services nkenerwa hakurikijwe ibyiciro bitandukanye no kuba yujuje ibindi byangombwa byose byasabwe hejuru.**

Bikorewe i Kibogora, kuwa 07/08/2024

**Dr Dariya MUKAMUSONI (PhD)**
**Umuyobozi Mukuru wa Kibogora Polytechnic**

KIBOGORA POLYTECHNIC · SCIENCE · FAITH · COM...